**IKINYARWANDA**

**KIN 01**

**22/07/2021 8.30 AM - 11.30 AM**

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE 2020-2021

## ISOMO: IKINYARWANDA

**ISHAMI: INDERABAREZI (TTC)**

**UDUSHAMI :** - IMBONEZAMUBANO N'UBUREZI **(SRSE)**

- SIYANSI, IMIBARE N'UBUREZI **(SME)**

**IGIHE KIMARA: AMASAHA ATATU (3)**

**AMABWIRIZA**

1. Andika amazina yawe na nomero yawe ku ikayi y'ibisubizo nk'uko byanditswe kuri "Registration form" ariko ubujijwe kubyandika ku mpapuro z'inyongera uhabwa bibaye ngombwa.
2. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
3. Iki kizamini kigizwe n'ibice bine by'ingenzi:

   **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 23)**

   **Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo **(amanota 29)**

   **Igice cya gatatu:** Ubumenyi rusange bw'ururimi **(amanota 33)**

   **Igice cya kane :** Ihangamwandiko **(amanota 15)**
4. Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
5. Subiza muri make utarondogoye.
6. Amazina yawe cyangwa ay'ishuri wigamo ntagire aho agaragara handi hatari ahabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.
7. Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe cyanecyane ibipfuye bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.

## AKEBO KAJYA IWA MUGARURA

*Akebo kajya iwa Mugarura ni umugani w'Ikinyarwanda baca iyo babonye umuntu witurwa ineza yagiranye imico ye myiza. Wakomotse kuri Mugarura uwo nyine ku ngoma itazwi neza ikirari.*

Mugarura uwo yakuranye imico myiza cyane, akubitiraho n'ubukire muri byose, imyaka n'amatungo. Abantu baza kumucaho inshuro, akabereka ikibo cya mugerwa w'umuhinzi, umuhingiye yahingura akamuha inshuro y'umuhinzi muri icyo kibo, hanyuma akamushyiriramo n'indi y'ubuntu. Abigenza atyo imyaka myinshi n'uje kumusaba inka na we akayimuha, ndetse byarimba akamuha n'indi ya kabiri. Byibera aho.

Bukeye inshuti n'abana be baramukuba, bamubwira ko yangiza inka ze n'imyaka ye, bati: « Dore urimaraho ibintu ubyangiza, nihacaho iminsi uzasigara he, uzasigara umeze ute? Ejo uzasanga rubanda rukunnyega nta n'ukureba n'irihumye.» Mugarura akumva amagambo yabo akabihorera ntagire icyo abasubiza, ntihagire uwumva ururimi rwe. Bigenda bityo bimara igihe kirekire. Bishyize kera, haza umuntu amugeragerescha kumushuka, aramubwira ati : « Mugarura ubuntu bwawe bwo gutanga utabaze rubanda turabwishimira, ariko n'ubwo tugushima bwose, ngewe ntacyo urampa, none nje kugusaba inka eshanu zo kubaga.» Mugarura aramwemerera, amuha inka eshanu arazijyana. Azigejeje iwe aho kuzibaga arazorora, zirakunda ziroroka, ziba amashyo atanu, rubanda babibonye batyo, barega Mugarura ibwami ko yangiza ibintu bye, dore ko uwangizaga inka bavugaga ko amara inka z'umwami. Ibyo bituma umwami amugabiza rubanda baramunyaga, ariko inka n'ibintu bye ntawabigabanye, byatwawe na rubanda rwose rubyigabagabanije.

Nuko ibwami bategeka ko Mugarura atazahabwa umuriro kuko yabaye umupfu ku bintu by'ibwami. Mugarura amaze kunyagwa ahinduka umukene cyane, abura aho aba n'umugore we n'abana be bagumya kuzerera. Hanyuma atunguka ku muntu wigeze kumuhingira akamuha inshuro ebyiri. Uwo mugabo amukubise amaso, agira impuhwe, ava mu nzu ye ya kambere ayiha Mugarura, asigara mu nzu yo mu gikari, Mugarura amaze kubona inzu abamo, rubanda rumenya ko yabonye icumbi, abo yagiriye neza batangira kujya bagenda ijoro bamushyira ibintu. Ubwo kugenda n'ijoro batinyaga ibwami. Uwo Mugarura yahaye inshuro ebyiri akaza akamusubiza inshuro, ndetse akabigira itetu, mbese

rubanda yagiriye neza bose baramuyoboka bamuzanira amafunguro, bamwe mu twibo, abandi mu bitebo. Bigeze aho benshi mu bo yagiriye neza bajya kumuhakirwa ibwami ngo bamuhe umuriro. Ibwami baremera bamuha inka y'umuriro. Mugarura amaze kubona inka y'umuriro rubanda barishima, noneho baza ku mugaragaro bamuzanira ibintu, byo kumushimira bamwitura ineza yabagiriye.

Bukeye wa mugabo wazaga kumusaba ngo amuhe inka eshanu zo kubaga(za zindi yagezaga mu rugo akazorora) yumvise ko Mugarura yabonye umuriro arishima cyane. Arazinduka ajya kwa Mugarura aho acumbitse aramubwira ati: «Ngize amahirwe kuko wabonye umuriro, za nka wampaye zo kubaga uko ari eshanu narazoroye, zabaye amashyo atanu none ngaya amashyo atatu nange ndasigarana abiri.» Mugarura amushimana na rubanda, barakomeza barahurura, bamuzanira amaturo y'inka n'imyaka, abadafite imyaka myinshi bakamuzanira mu twibo, yubaka imitiba n'ibigega.

Nuko Mugarura yongera kuba umukungu, ndetse arusha mbere, aratunga, aratunganirwa. Uko rero ni ko rubanda bamuzanira ibintu bibuka uko yabagiriye. Ni byo byiswe «Akebo kajya iwa Mugarura.»

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 23)**

1) Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura igisubizo cyawe. **(amanota 2)**

2) Ni iki kerekana ko Mugarura yafataga neza abaje kumucaho inshuro? **(amanota 2)**

3) Ni iki cyatumye Mugarura agira imibereho mibi? **(inota 1)**

4) Kugira ngo uwanyazwe inka akomorerwe yongere kuzitunga, ibwami bamukoreraga iki? **(inota 1)**

5) Ni bande bagiye guhakirwa Mugarura ibwami? **(inota 1)**

6) Tanga ingero eshatu (3) zigaragaza ukuntu Mugarura yagiraga ubuntu busaze. **(amanota 3)**

7) Ni iki cyabaye imbarutso yo kujya kurega Mugarura ibwami ? Ese bamuregaga iki ? Ni ba nde bamuragaga ? **(amanota 3)**

8) Andika ibintu bitatu(3) byerekana ko n'ubwo ibwami bategetse ko Mugarura anyagwa abaturage batabyishimiye. **(amanota 3)**

9) Ni irihe somo ry'ingenzi imico n'imigenzereze ya Mugarura yigisha? **(inota 1)**

10) Ni uwuhe mugani w'umugenurano usobanura imigirire ya Mugarura ? **(inota 1)**

11) Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko : **(amanota 5)**

(a) guca inshuro :

(b) baramukuba:

(c) inka y'umuriro:

(d) kugira ibintu itetu:

(e) kunnyega:

## IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 29)

12) Hanga interuro ngufi zirimo ibi bikurikira: **(amanota 5)**

(a) Ikinyazina mboneranteko:

(b) Izina ntera:

(c) Umugereka (ingera) w'igihe:

(d) Ikegeranshinga :

(e) Inyigana:

13) Garagaza ingiro z'inshinga zanditse mu nyuguti zitsindagiye. **(amanota 5)**

Muri icyo gihe abanyeshuri bari mu ishuri **biga** Ikinyarwanda. Intebe zimwe zari **zicaweho** n'abanyeshuri izindi zibereye aho. Abanyeshuri **bitwaye** neza **barahembwe**. Umwarimu amaze **gutanga** amabwiriza asaba abanyeshuri gukomeza kuba intangarugero aho bari hose no kwiga bashishikaye.

14) Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi (mu mpine) by'amagambo atsindagiye: **(amanota 9)**

(a) Birakwiye ko buri muntu afata **indyo** yuzuye kugira ngo agire ubuzima **bwiza**.

(b) Mugarura arabasubiza ati: « **Nize** kubana neza n'abantu **bose**.»

15) Shyira interuro zikurikira mu zindi ndango: **(amanota 5)**

(a) Mugarura yari yarakuramye imico myiza.

(b) Sinkunda gutaha bwije.

(c) Muge mukubagana mu ishuri.

(d) Amazi agira ibara ry'ikintu arimo.

(e) Jya kure y'inzira nyabagendwa.

16) Andika ngenga cyangwa inteko z'amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira : **(amanota 5)**

(a) Abana **baramubwira** bati: « **Nukomeza** kugenza kuriya uzasigara utagira n'**urwara** rwo kwishima.»

(b) Hanyuma **atunguka** ku muntu wigeze kumuhingira akamuha **inshuro** ebyiri.

## IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 33)

17) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwesakwe! **(amanota 5)**

(a) Nagutera urujeje uruhumbirajana warumenya nkaguhemba!

(b) Kinigirije umugara kijya kubaza umugambi wo gutabara!

(c) Sakuza n'uwo muri kumwe!

(d) Mpuye n'umuzimu atambana imbazo!

(e) Kakwica kakwigarika akambari ka Matene!

18) Andika imimaro itatu (3) ibisakuzo bifite mu buzima bwacu. **(amanota 3)**

19) Tanga imigani y'imigenurano isobanura ibi bikurikira: **(amanota 5)**

(a) Kutumvira ababyeyi bizana ingaruka.

(b) Abana bakwiye kwita ku babyeyi babo no kubafasha bageze mu zabukuru.

(c) Umwana ubuze nyina akiri muto arababara, akagira ubuzima bubi.

(d) Ibyago bisimburana n'ibindi byago, ibibazo bikurwa n'ibindi bibazo.

(e) Umuntu w'umukene n'aho yavuga ijambo ryiza ntawuriha agaciro.

20) Inka y'ubumanzi itandukaniye he n'inka y'imirindi? **(amanota 2)**

21) Ni ibiki aba bisi: Ndangamira, Nkibiki na Bikungero bazwiho mu busizi nyarwanda? **(amanota 3)**

22) Izina ry'inka ya Musoni ryiswe na nde? **(inota 1)**

23) Tanga amoko y'ibyivugo n'ibiranga buri bwoko : **(amanota 8)**

24) Tandukanya amagambo yandikwa atya ugaragaza ubutinde n'amasaku ku magambo akurikira : **(amanota 6)**

(a) gutara (amakuru)................ ≠ ...............................(ibitoki)

(b) kurega (umugozi) ................ ≠ ............................(mu rukiko)

(c) kubika (kw'isake) ................ ≠ .....................(gushyira ikintu ahagenwe)

**IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**

25) Mu izina ry'Umuyobozi w'Urwunge rw'Amashuri rwa Kabara rwo mu Karere ka Gihinga, andika itangazo ribuza abaturage kwahira no kuragira amatungo mu mbago z'Ikigo. Muri iryo tangazo ugaragaze impamvu bibujijwe n'ibihano by'abazarenga kuri iryo tangazo. Wandike mu mazina ya Sugira Kamanzi. **(amanota 15)**

**-IHEREZO-**

URUPAPURO RUTARIHO IBIBAZO